RULINDO WATER FOR THE PLANET INITIATIVE

# Porogaramu y'Ibikorwa (PoA)

**Amakuru Y'Ingenzi Kuri Water for the Planet Initiative (GS23532)**

Amakuru agenewe abafatanyabikorwa

## 1. Intego ya PoA

Water for the Planet Initiative igamije kongera ingano ubwiza, n'ubuziranenge b'wamazi yo kunywa mu Rwanda binyuze mu:

- Kuvugurura no gusana sisitemu z'amazi rusange zashaje cyangwa zitari gukora neza
- Gushyiraho ikoranabuhanga ryo gushyiramo umuti wica udukoko (Chlorine) mu miyoboro y'amazi n'izindi tekinoloji zikoreshwa mu gutunganya amazi mu miyoboro.
- Kugira isuzuma rihoraho ku buziranenge bw'amazi no kumenyekanisha muri rubanda ibiva mu masuzuma.
- Kugabanya imyuka ihumanya ikirere (GHG) yaterwaga no guteka amazi biturutse ko abayakoresha baba batizeye ubuziranenge bwayo bagakoresha cyane cyane bakoresheje ibicanwa bohumanya ikirere.

Iyi gahunda ifasha intego za leta y'u Rwanda zijyanye n'ihindagurika ry'ikirere, kubona amazi meza, no kugera ku ntego z'iterambere rirambye (SDGs).

## 2. Abashinzwe iyi Gahunda

- **Urwego rucunga iyi gahunda (CME):** Water Access Rwanda (WAR) – Ishinzwe gucunga, gukurikirana, kwemeza ibyemezo bya karubone, kwinjiza VPA no kugurisha inyungu za karubone zikagaruka mu mushina.
- **Umufatanyabikorwa w'ingenzi w'umushinga**: WASAC Group – Ikigo cy'amazi cya leta y'u Rwanda, gishinzwe gushyiraho/gusana imiyoboro, gukoresha no kubungabunga sisitemu z'amazi, gusuzuma amazi no kubungabunga uburambe bw'imiyoboro.
- **Abandi bafatanyabikorwa:**
    - Inzego z'Uturere,
    - abayobozi b'imidugudu n'utugari,
    - abikorera batanga amazi mu turere (aho bari),
    - abaturage bahabwa akazi ko kugurisha amazi, abatekinisiye n'abakozi bashyigikira ibikora by'aamzi.

## 3. Aho PoA Izakorera n'Ingano Yayo

Iyi PoA izakorerwa mu Rwanda.

- Latitude: -1.9403
- Longitude: 29.8739

Ibikorwa byose bishamikiye kuri POA (VPAs) byose bigomba kuba mu mbibi z'igihugu kandi zigafata ahantu runaka mu Rwanda. GPS ikoreshwa mu kwemeza aho sisitemu ya yose iri n'abayikoresha bose.

VPAs zose ziri muri PoA zizaba ari nto kandi ntiziteganyijwe kurenza toni 60,000 z'imyuka ihumanya (tCO2e) ku mwaka mu nyungu za karubone.

# 4. Igihe PoA Izamara

- Itangira: 15 Mata 2026
- Itangira ry'igihe cyo kubara inyungu za karubone: 15 Mata 2026
- Igihe izamara: Imyaka 20 nk'uko amategeko ya Gold Standard abiteganya ku bikorwa by'ubufasha rusange

## 5. Uburyo bwo Gushyira mu bikorwa PoA

PoA izashyirwa mu bikorwa binyuze muri VPAs zitandukanye mu duce two mu Rwanda. Ibikorwa by'ingenzi birimo:

1. **Kuvugurura no kwagura**: Gusana sisitemu z'amazi zitari gukora neza, kwagura imiyoboro kugira ngo amazi agere ku bantu bose bisange nibura mu kirometero 1cy'ivomo, kongera imiyoboro yo guha ingo amazi mu rugo.
2. **Ikoranabuhanga mu gutunganya amazi**: Gushyira chlorination mu miyoboro, kongera ubundi buryo bwo gutunganya amazi aho bikenewe, kubahiriza RS EAS 12 Potable Water Standard.
3. **Ibice bigize imiyoboro**: Imiyoboro rusange n'ahantu ho gukura amazi, ibigega ibikoresho bigenga umuvuduko, valves z'amazi zifungura umwuka, sisitemu zishingiye ku mbaraga z'amashanyarazi cyangwa zikoresha imbaraga za gravite.
4. **Imikorere n'Ububungabunga**: WASAC Group n'abikorera bafitanye amasezerano bazajya bakora ububungabunga buhoraho. Kwandika igihe sisitemu itakoze, gusana, n'ibindi bikorwa, isuzuma ry'amazi mbere yo gutangira no mu gihe cyose ikora.
5. **Kugenzura & Gucunga Amakuru**: Gushyiraho umwirondoro wihariye kuri buri muoboro, gukoresha GPS mu kumenya aho ibikorwa byose biri, gukora ubushakashatsi buri mwaka, gukurikirana ibyuka bihumanya no kubitangaza bikorwa na Water Access Rwanda.

## 6. Imikoranire n'izindi Gahunda Bisa

PoA igira uruhare mu gufasha gahunda z'igihugu zo gusakaza amazi, binyuze mu kongera ikoranabuhanga n'amafaranga. PoA ntizigera ikorera ahasanzwe indi mishinga ya karubone iriho.

Kubera ubwiyongere bw'imishinga ya karubone mu Rwanda, birashoboka ko hari imishinga ishobora guhurira ahantu hamwe.

Kugira ngo hirindwe kubara kabiri no kwisubiramo, CME izagenzura kuri buri VPA niba hari indi mishinga ya karubone iri mu ntera ya kilometero 1 uvuye ku muyoboro iteganya kwongera mu mushinga. Ibi bizakorwa hifashishijwe inama n'ubuyobozi bw'akarere, Rwanda DNA (REMA), ndetse no kuvugana n'undi mushinga wa karubone wagaragaye.

Buri VPA izaba irimo itangazo rigaragaza ko nta kubara kabiri kwabayeho kandi ko yihariye muri PoA, inashyirwa gusa muri registre imwe.

## 7. Abagenerwabikorwa

PoA igenewe:

- Ingo z'abantu n'amashuri acumbikira abanyeshuri aho ubu badafite amazi yizewe.
- Inyubako zikoresha amazi ariko abantu batarara, nk'andi mashuri adacumbikira cyangwa amavuriro
- Abakoresha amazi y'umushinga bose bari mu ntera ya kilometero 1 uvuye ku muyoboro ni bo bazabarwa mu kugenzura karubone.

## 8. Uruhare mu Ntego z'Iterambere rirambye (SDGs)

- SDG 13 – Kwita ku mihindagurikire y'ikirere: Kugabanya ibyuka bihumanya ikirere binyuze mu guhagarika guteka amazi hakoreshejwe ibicanwa bitavugururwa
- SDG 1 – Gukura abantu mu bukene: Igipimo 1.4.1: Kongera kubona serivisi shingiro no kunoza aho amazi aturuka
- SDG 5 – Uburinganire bw'abagore n'abagabo: Igipimp 5.4.1: Kugabanya igihe abagore bamara mu mirimo yo mu rugo itishyurwa (kujya kuvoma amazi, gushaka inkwi)
- SDG 6 – Amazi meza n'isukura: Igipimo 6.1.1: Kongera umubare w'abantu bakoresha amazi meza atunganijwe neza

## 9. Kubahiriza amabwiriza

- Kubahiriza RS EAS 12 Potable Water Standard
- Kubahiriza amabwiriza ya RURA ku itangwa ry'amazi
- Kubahiriza impushya za Rwanda Water Board zo gukoresha amazi
- Kubahiriza amategeko yose y'igihugu cyangwa ay'akarere ku mazi

## 10. Inama ziteganyijwe Zo Kungurana Ibitekerezo

- Inama ku rwego rwa PoA: Kwinjiza abafatanyabikorwa ku rwego rw'igihugu barimo WASAC, RURA, MININFRA, REMA, RWB, MINALOC, MIGEPROF, n'imiryango itegamiye kuri Leta. Gutangaza iyi PoA, intego n'ibyitezweho. Gutanga ibitekerezo bizakorwa hifashishijwe ifishi iboneka kuri mudasobwa ku buryo bwa online mu gihe cy'iminsi 30.
- Inama zo ku rwego rwa VPA: Buri VPA izaba irimo inama mbonankubona ihuza abafatanyabikorwa bose ku rwego rw'igihugu n'abo ku rwego rw'aho umushinga uzakorera. Buri nama izajya ikurikirwa n'igihe cy'ukwezi cyo gutanga ibitekerezo nyuma y'iyo nama.

## 11. Amakuru y'inyongera

- PoA iterwa inkunga na Water Access Rwanda na WASAC Group.
- Nta nkunga iterwa igihugu mw'iterambere (ODA) izakoreshwa kuri iyi PoA ndetse no kuri VPA izirimo.
- Inyungu zituruka kuri karubone zizafasha kugabanya igiciro cy'ikoranabuhanga no kwishyura ibikorwa byo gukurikirana no gushyira mu bikorwa uyu mushinga; hagamijwe kugera ku mazi meza yizewe atemba muri buri robine.
- PoA ikoresha uburyo bwa Gold Standard "Kugabanya imyuka ihumanya biturutse ku gutanga amazi meza yo kunywa – Verisiyo ya 1.0."
- Buri mwaka hazajya habaho ubukangurambaga bwo kwigisha isuku kugira ngo bashishikarize abantu gukoresha neza amazi meza no kugabanya imyitwarire yo guteka amazi, hagaragazwa ibipimo by'uko amazi asukuye.

# RULINDO WATER FOR THE PLANET INITIATIVE